Mutarama 2026

AKARERE KA MUHANGA

# IMBANGUKIRAMIHIGO Z'AKARERE KA MUHANGA

*"Dukore byinshi byiza kandi vuba"*



## INKURU NYAMUKURU


- MUHANGA: HATANGIJWE ICYUMWERU NGARUKAMWAKA CYO GUSENGERA UBUMWE BW'ABEMERA KRISTU (.PAGE 1)
- CYEZA: ABANYESHURI BARANGIJE AMASHURI YISUMBUYE MURI GS MAKERA BAHAWE IMPAMYABUMENYI (.....PAGE 3)
- HATANGIJWE ICYUMWERU CYAHARIWE UBURYO BW'UBWUMVIKANE BUSHINGIYE KU KWEMERA ICYAHA BUKORERWA MU MAGORORERO (.....PAGE 4)
- SHAMPIYONA Y'UMUPIRA W'AMAGURU YAHUZAGA AMAKIPE Y'ABAKUZE YAGEZE KU MUSOZA (...PAGE 5)
- GUVERINERI W'INTARA Y'AMAJYEPFO ARASABA INTORE ZIRI KU RUGERERO KURANGWA N'INDANGAGACIRO YO GUKUNDA IGIHUGU. (....PAGE 6)
- HATANGIJWE URUGERERO RW'INKOMEZABIGWI ICYICIRO CYA 13 (... PAGE 07)
- UMUGANDA RUSANGE USOZA UKWEZI KWA MUTARAMA WIBANZE KU BIKORWA BYO GUTUNGANYA IMIHANDA (......PAGE 08)


## IMIYOBORERE MYIZA UBUKUNGU IMIBEREHO MYIZA

### Muhanga: Hatangijwe icyumweru ngarukamwaka cyo gusengera ubumwe bw'abemera Kristu




*Ifoto y'urwibutso*

Kuri Paruwasi Gatolika ya Saint André-Gitarama habereye Ikoraniro ryo ku rwego rw'Igihugu ryateguwe n'Umuryango wa Bibiliya mu Rwanda mu rwego rwo gutangiza icyumweru ngarukamwaka cyo gusengera ubumwe bw'Abemera Kristu bushingiye kuri Bibiliya.



4466 info@muhanga.gov.rw www.muhanga.gov.rw @Muhangadis

# IJAMBO RY'IBANZE

**“MBANGUKIRAMIHIGO",**

Bakunzi b'Ikinyamakuru cyacu dukunda, dushimishijwe no kubamenyesha ko Ikinyamakuru gikubiyemo ibikorwa by'ingenzi byakozwe muri uku kwezi kwa Mutarama 2026 cyasohotse. Nimusome mumenye amakuru y’ibikorwa by’Akarere kanyu. Muri iki kinyamakuru murasangamo inkuru zigaruka ku bukungu, iterambere, imibereho myiza y’abaturage n’imiyoborere myiza . Bakunzi bacu, dusoje ukwezi kwa mbere k’umwaka wa 2026, gahunda yacu ni ukubagezaho ku buryo buhoraho kandi ku gihe amakuru y’ibibakorerwa. Mbangukiramihigo, dukomeje kwishimira ko twagize igihembwe cyiza cy’ubuhinzi. Nta gushidikanya ko twagize umusaruro mwiza. Turongera kubasaba ko mwafata neza umusaruro wabonetse, mugaharanira kwihaza mukabona gusagurira amasoko. Intero yacu ni ya yindi ni ukugira ibiribwa bihagije mu muryango. Dukomeje kandi kugira ikirere cyiza, dufite imvura kandi isimburana n’umucyo, turabashishikariza kwitabira igihembwe cy’ihinga Season 2026B mwihatira guhinga ibihingwa byatoranijwe kandi ubutaka bwose buhingwaho tububyaze umusaruro.

Muri iri jambo ry’ibanze, ntitwasoza tutabibukije isuku. Duharanire ko iwacu isuku iba umuco, tuyigire ku mubiri, aho dutuye n’aho dukorera. Turi kandi mu bukangurambaga bwa #FreesheriKulshuri, abana bacu bagomba kujya ku ishuri basa neza kandi nibagera n’aho biga isuku izakomeza. Tugenzure imyambaro y’abana, ibikoresho bajyanye ku ishuri, umusatsi, inzara n’ibindi. Isuku ni isoko y’ubuzima. Twibuke kandi na rwa ruhare rwacu nk’ababyeyi rufasha umwana gufatira ifunguro ku ishuri. Abanyarwanda baca umugani uvuga ngo :”Amagara aramirwa ntamerwa.”

Reka dusoze twongera kubashishikariza gukomeza kwiteganyiriza muri Ejo Heza. Ndetse twibuke no gutanga umusanzu w’ubwisungane mu kwivuza wa 2025-2026. Kwiteganyiriza ni kare. Dukomeze dufatanye, twubake Akarere kacu ka Muhanga.

Dushoje twongera kubifuriza kuzagira umwaka mushya muhire wa 2026.

DUKORE BYINSHI BYIZA KANDI VUBA

Mugire Amahoro

KAYITARE Jacqueline

Umuyobozi w’Akarere ka Muhanga

Ni igikorwa cyitabiriwe n’Umuyobozi w’Akarere ka Muhanga Madamu KAYITARE Jacqueline, Ubuyobozi bw'Umuryango wa Bibiliya mu Rwanda, abayobozi mu nzego zitandukanye, Abakirisitu n'abandi.



*Korali yasusurukije abitabiriye ihuriro*

Iri koraniro ryayobowe na Nyiricyubahiro Musenyeri NTIVUGURUZWA Balthazar Umwepiskopi wa Dioseze Gatolika ya Kabgayi ari kumwe n'Abepiskopi ba EAR Dioseze za Kigeme na Shyogwe , Umuvugizi wa ADEPR mu Rwanda n'abandi bayobozi b'Amadini n'Amatorero bavuye hirya no hino mu gihugu.

Mu ijambo Umuyobozi w’Akarere Madamu KAYITARE Jacqueline yagejeje ku bitabiriye iri Koraniro, yashimiye Umuryango wa Bibiliya mu Rwanda n’Abayobozi b’Imiryango ishingiye ku myemerere bahisemo gushyigikira abemera Kristu mu rugendo rwo kunga ubumwe.



*Umuyobozi w'Akarere*

Yashimye kandi uruhare iyi miryango igira mu guteza imbere imibereho myiza y'abaturage, isanamitima, no kuba ikomeje kwibutsa ko ubumwe bwacu ari bwo dukwiriye kubakiraho iterambere rirambye.


4466 info@muhanga.gov.rw www.muhanga.gov.rw @Muhangadis



*Abakirisitu*

Umuyobozi w’Akarere yasabye kandi abemera Kristu kumva impanuro bahabwa, kwihatira gushyira mu bikorwa ubutumwa baba bahawe ndetse no gushishikazwa no kumenya igikwiriye kugira ngo turinde ubumwe bwacu.



*Abayobozi b'amadini n'amatorero*

Yasoje ubutumwa bwe, ashimira abemera Kristu baje mu iteraniro ryo gutangiza icyumweru cyo gusengera ubumwe bw’Abakirisitu ndetse yizeza abayobozi b’imiryango ishingiye ku myemerere ko bazakomeza gufatanya mu bikorwa byose biteza imbere abaturage.

## Cyeza: Abanyeshuri barangije amashuri yisumbuye muri GS Makera bahawe impamyabumenyi



*Abahawe impamyabumenyi basabanye n'abayobozi*

Ku itariki ya 23 Mutarama, Umuyobozi w'Akarere yifatanyije n'Ubuyobozi, abarezi n'ababyeyi barerera muri GS_Makera mu birori byo gutanga impamyabumenyi ku banyeshuri 17 barangije muri iki kigo mu mwaka w'amashuri wa 2024-2025.



*Umuyobozi w'Akarere ageza ubutumwa ku bitabiriye ibirori*

Mu butumwa bwe, Umuyobozi w’Akarere yashimiye Ubuyobozi bw’Ikigo bwateguye ibirori byo kwishimira umusaruro mwiza wabonetse mu mwaka w’amashuri ushize.

Yavuze ko gukora ibirori nk’ibi imbere y’abana, abarezi n’ababyeyi bitera ishema ndetse bigatera imbaraga ku batarabigeraho.



*Umuyobozi w'Akarere ashimira uwahawe impamyabumenyi*

Yashimiye abanyeshuri kuba barakoranye umuhate, bakumva inama bagirwa n'abarezi, bakaba barangije amashuri yisumbuye.

Umuyobozi w’Akarere yasabye abahawe impamyabumenyi gukomeza kuba abana beza, kumenya indangagaciro zikwiriye kubarinda, gutandukanya icyiza n’ikibi no kuba intangarugero ku bakiri bato


Abayobozi bitabiriye ibirori

Umuyobozi w'Akarere kandi yashimye ubwitange bw'abarezi asaba ababyeyi kuzirikana agaciro k'abarezi no gukomeza gufatanya na bo kugira ngo abana babone uburere bukwiye.

Yasoje ubutumwa bwe asaba abanyeshuri, ababyeyi, abarezi n'Ubuyobozi bw'Ikigo gukomeza ubukangurambaga #FrecheriKulshuri, bita ku kugira isuku mubiri, ku nyambaro, mu mashuri, ahategurirwa amafunguro, kugira imbuga itoshye n'ibindi.


Bashyikirijwe impamyabumenyi

## Hatangijwe icyumweru cyahariwe uburyo bw'ubwumvikane bushingiye ku kwemera icyaha bukorerwa mu Magororero


Abayobozi mu nzego zitandukanye

Ku itariki ya 26 Mutarama 2026, Visi Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga Bwana Alphonse HITIYAREMYE yatangije icyumweru cyahariwe uburyo bw'ubwumvikane bushingiye ku kwemera icyaha bukorerwa mu magororero hagati y'ababuranyi n'Ubushinjacyaha (Plea bargaining.)

Ni igikorwa cyabereye mu Igororero rya Muhanga kikaba cyaritabiriwe n'Ubuyobozi bw'Urwego rw'Igihugu rushinzwe Igorora, Abagize Inama y'Umutekano itaguye y'Akarere ka Muhanga n'abandi bayobozi mu nzego zitandukanye.


Abagororwa bo mu Igororero rya Muhanga

Visi Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga yavuze ko ubu buryo bukoreshwa igihe uregwa yemera icyaha yakoze n'Ubushinjacyaha bukemera kumugabanyiriza umubare w'ibyaha akurikiranwaho cyangwa bukamwemerera kutamusabira igihano gisumba ibindi mu biteganyirijwe icyaha yakoze. Yavuze ko ubu buryo bufasha kunoza ireme ry'ubutabera mpanabyaha, kwihutisha imanza, kugabanya ibirarane mu nkiko no kugabanya ubucucike mu magororero. Yavuze kandi ko ubu buryo butagamije gusa guhana, ahubwo bugamije no gusana umubano wangiritse, kugarura icyizere cyatakaye, gusana ibyabangijwe, kugabanyirizwa ibihano mu buryo buteganywa n'amategeko no no kongera kwiyubakira icyizere mu muryango Nyarwanda.


Abemeye icyaha no kwishyura ku bushake ibyo bangije bagabanyirizwa ibihano


4466 info@muhanga.gov.rw www.muhanga.gov.rw @Muhangadis

Yavuze ko Ubutegetsi bw’Ubucamanza bufite icyifuzo n’umuhigo ko iki gikorwa cyaba ngarukakwezi, kugira ngo abagororwa bose bahabwe amahirwe angana yo gusobanurirwa ubu buryo no kubukoresha mu nyungu zabo n’izabo bakoreye ibyaha. Ibi bikazatuma imanza zirushaho kwihuta, imibanire hagati y’uwakoze icyaha n’uwagikorewe ikongera kuba myiza, bityo bigire uruhare mu gusana umuryango nyarwanda.



*Visi Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga*

Visi Perezida w’Urukiko rw’Ikirenga yabwiye Abagororwa ko ubu buryo ari amahirwe akomeye kuri bo. Yabashsihikarije kwemera icyaha ku bushake, kwiyemeza guhinduka, no gutangira urugendo rushya rushingiye ku kuri no ku kubaha amategeko.

## Shampiyona y’umupira w’amaguru yahuzaga amakipe y’abakuze yageze ku musozo

Ku itariki ya 11 Mutarama 2026 kuri Stade ya Muhanga habereye umukino wa nyuma wa Shampiyona y'umupira w'amaguru yahuzaga amakipe y'abakuze yo mu Karere ka Muhanga, yateguwe n'Akarere. Ni umukino wahuje ikipe ya Les Onze du Dimanche n’Ikipe ya Magic Family. Iyi mikino yateguwe yatangiye ku itariki ya 14 Ukuboza 2025 hagamijwe gufasha abaturage gusoza umwaka no gutangira undi neza, gukangurira abaturage kurushaho kwitabira siporo, kwita ku isuku y'aho batuye n'aho bakorera, kwitabira igikorwa cyo gukosora imyirondoro no kwifotoza kugira ngo bahabwe Indangamuntu koranabuhanga, kwita ku burere bw’abana bari mu biruhuko n'izindi gahunda za Leta zitandukanye.



*Yahawe igihembo cyo kwitabira siporo ngarukakwezi*

Muri uyu mukino, Ikipe ya Les Onze du dimanche yegukanye igikombe itsinze ikipe ya Magic Family. Ibirori byo gusoza iyi mikino byahujwe no gutanga ibihembo ku bantu ku giti cyabo n’amatsinda yitabira siporo rusange itegurwa n’Akarere ndetse hatangwa n’ibihembo ku bagabo n’abagore bafite hejuru y’imyaka 40 batsinze amarushanwa ngarukamwaka yo gusiganwa ku maguru ategurwa n’Akarere ka Muhanga hagamijwe gushishikariza abato n'abakuru kwitabira siporo



*Abafana bari benshi*


4466 info@muhanga.gov.rw www.muhanga.gov.rw @Muhangadis

Uyu mukino witabiriwe n'abagize Komite Nyobozi y'Akarere, inzego z'umutekano n'abandi bayobozi mu nzego zitandukanye.




*Ikipe yabaye iya 2 yarahembwe*

Mu butumwa yagejeje ku bitabiriye iyi mikino, Umuyobozi w'Akarere Madamu KAYITARE Jacqueline yashimye amakipe yose yitabiriye iyi mikino ndetse n'abagize uruhare bose mu migendekere myiza yayo. Yavuze ko Akarere kazakomeza gutegura iyi mikino ikaba ngarukamwaka. Yongeye gusaba abaturage gukomeza kwita ku isuku y'aho batuye n'aho bakorera, kwitabira ibikorwa byo gukora imyirondoro no kwifotoza kugira ngo bazahabwe indangamuntu koranabuhanga ndetse akangurira n'urubyiruko rwarangije amashuri yisumbuye mu mwaka wa 2024-2025 kuzitabira urugerero ruzatangira ku itariki ya 13 Mutarama 2026.




*Les onze du dimanche ishyikirizwa igihembo*



*Ikipe yabaye iya mbere yahawe igikombe*

## Guverineri w'Intara y'Amajyepfo arasaba Intore ziri ku rugerero kurangwa n'indangagaciro yo gukunda igihugu.

Ku itariki ya 14 Mutarama 2026, Guverineri w'Intara y'Amajyepfo Madamu KAYITESI Alice ari kumwe n'Umuyobozi w'Akarere Madamu KAYITARE Jacqueline n'inzego z'umutekano basuye intore ziri ku rugerero rw'Inkomezabigwi XIII mu Murenge wa Nyamabuye.



*Intore zitabiriye urugerero*

Mu butumwa Guverineri yahaye urubyiruko rwitabiriye urugerero bwibanze kuri gahunda Ndi Umunyarwanda, aho Guverineri yasobanuriye urubyiruko ibikorwa




*Guverineri w'Intara y'Amajyepfo n'abandi bayobozi*

byakozwe na Leta y'Ubumwe bw'Abanyarwanda nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 hagamijwe kwimakaza gahunda Ndi Umunyarwanda.

Yavuze ko ibyakozwe na Leta birimo kwimakaza imibanire n'imibereho myiza y'Abanyarwanda, gushyiraho ubuyobozi bubereye abaturage, guca umuco wo kudahana himakazwa ubutabera bwunga no kuvuga ukuri kuri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 binyuze muri gahunda zitandukanye.

Guverineri yasabye uru rubyiruko kurangwa n'indangagaciro yo gukunda Igihugu, gukunda umurimo, kwiyumvamo ubunyarwanda, kumenya amateka y'igihugu cyabo, kurinda no gusigasira ibyagezweho, kwimakaza umuco w'ibiganiro hagati y'ababyeyi n'abana, guhindura imyumvire, kurangwa n'imyitwarire iboneye no kugira intego.




*Guverineri w'Intara y'Amajyepfo n'abandi bayobozi*

# Hatangijwe urugerero rw'inkomezabigwi icyiciro cya 13

Ku itariki ya 13 Mutarama 2026, hirya no hino mu Mirenge igize Akarere, hatangijwe urugerero rw'Inkomezabigwi icyiciro cya 13 ku rubyiruko rwarangije amashuri yisumbuye mu mwaka wa 2024-2025. Insanganyamatsiko y'uru rugerero iragira iti:"Duhamye umuco w'ubutore twimakaza Ubumwe n'Ubudaheranwa"



*Abayobozi bitabiriye igikorwa cyo gutangiza urugerero*

Ku rwego rw'Akarere, urugerero rw'Inkomezabigwi XIII rwatangirijwe mu Murenge wa Nyamabuye.



*Umuyobozi Mukuru muri MINUBUMWE*

Ni igikorwa kitabiriwe n'Umuyobozi Mukuru Ushinzwe Ubushakashatsi muri Minisiteri y'ubumwe bw'Abanyarwanda n'Inshingano Mboneragihugu Dr. RUTAYISIRE Theoneste, Umuyobozi w'Akarere Madamu KAYITARE Jacqueline, inzego z'umutekano n'abandi.



*Intore zitabiriye urugerero*



*Umuyobozi w'Akarere atanga ikaze*

Mu ijambo rye, Umuyobozi w'Akarere ka Muhanga Kayitare Jacqueline avuga ko abitabiriye Urugerero bazakora ibikorwa bitandukanye birimo kubakira abatishoboye, kwita ku bikorwa by'isuku n'isukura, n'ibindi bizaba bikenewe byagirira Abanyamuhanga akamaro, hagamijwe gukemura ibibazo bibangamiye imibereho myiza y'abaturage.

Umuyobozi w'Akarere yavuze ko Urugerero rw'umwaka ushize, rwakoze ibikorwa bifite agaciro k'amafaranga asaga miliyoni 150frw, bityo ko urugerero rw'uyu mwaka rukwiriye gukora ibikorwa birushijeho.

Mu butumwa yagejeje ku bitabiriye Urugerero rw' Inkomezabigwi icyiciro cya 13 mu Murenge wa Nyamabuye mu Karere ka Muhanga, Umuyobozi Mukuru ushinzwe ubushakashatsi muri MINUBUMWE Dr. Rutayisire Theoneste yagaragarije urubyiruko ko Umuco w'Ubutore ugira uruhare mu Kwimakaza Ubumwe n'Ubudaheranwa.

Yavuze ko kugeza ubu igipimo kigaragaza ko Ubumwe n'Ubwiyunge bw'Abanyarwanda bugeze kuri 95,3% kandi ko hari ibyagaragaje ko bigira uruhare mu gusigasira ubwo bumwe, harimo ibishingiye ku burere Mboneragihugu, nk' Itorero, Urugerero, na Ndi Umunyarwanda.

Agira ati, "Abitabiriye ubushakashatsi bagaragaje ko izo gahunda zubaka Ubumwe ku kigero cya 99%, naho kwigisha amateka bikubaka Ubumwe bw'Abanyarwanda ku kigero cya 99%, mu gihe Ubudahenwa bw'Abanyarwanda buri hejuru gato ya 99%".

Yavuze ko kugeza ubu igipimo kigaragaza ko Ubumwe n'Ubwiyunge bw'Abanyarwanda bugeze kuri 95,3% kandi ko hari ibyagaragaje ko bigira uruhare mu gusigasira ubwo bumwe, harimo ibishingiye ku burere Mboneragihugu, nk' Itorero, Urugerero, na Ndi Umunyarwanda.

Agira ati, "Abitabiriye ubushakashatsi bagaragaje ko izo gahunda zubaka Ubumwe ku kigero cya 99%, naho kwigisha amateka bikubaka Ubumwe bw'Abanyarwanda ku kigero cya 99%, mu gihe Ubudahenwa bw'Abanyarwanda buri hejuru gato ya 99%".

Agaragaza ko ibyo bipimo byose bigaragaza ko Abanyarwanda bahagaze neza nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi, aho Indangagaciro na kirazira bifite uruhare mu kubaka Ubumwe n'Ubudaheranwa ku kigero cya 97% kandi ko bitavuye ahandi usibye mu byakomeje gukorwa.

MINUBUMWE igaragaza ko nta bumwe mu rubyiruko bitashoboka mu Banyarwanda b'ejo hazaza, kandi ko u Rwanda twifuzwa rukwiye kubakwa uyu munsi, bityo ko ubumenyi, uburere n'uburezi bahawe ku mashuri no mu miryango, bikwiye kubashoboza kubaka Igihugu koko.




*Abayobozi bitabiriye igikorwa cyo gutangiza urugerero*

# Umuganda rusange usoza ukwezi kwa mutarama wibanze ku bikorwa byo gutunganya imihanda


Guverineri Kayitesi Alice n'abandi bayobozi mu muganda rusange

Ku itariki ya 31 Mutarama, mu Mirenge yose habaye umuganda rusange usoza ukwezi kwa Mutarama 2026. Guverineri w'Intara y'Amajyepfo Madamu KAYITESI Alice ari kumwe na n'abagize Komite Nyobozi y'Akarere, Abajyanama mu nama Njyanama y'Akarere , Abafatanyabikorwa b'Akarere n'inzego z'umutekano bifatanyije n'abaturage bo mu Murenge wa Shyogwe mu muganda wo gutunganya umuhanda uhuza Utugari twa Ruli na Mbare ureshya na 6.6Km.


Umuyobozi w'Akarere atanga ikaze

Muri uyu muganda; hatanzwe serivisi zo gufotora no gukosora imyirondoro muri gahunda ya y'Indangamuntu koranabuhanga ku bufatanye bw'Ikigo gishinzwe indangamuntu (NIDA) n'Akarere ka Muhanga, ndetse hanapimwa indwara zitandura ku bufatanye n'Ibitaro bya Kabgayi.


Guverineri Kayitesi aganiriza abaturage

Nyuma y'umuganda; abaturage bahawe ubutumwa bujyanye no kwizihiza umunsi w'Intwari z'Igihugu, ubutumwa bukangurira abaturage gukora cyane bakiteza imbere bagamije kwigira; kwimakaza isuku n'isukura; Ubutumwa bwa Minisiteri y'Uburezi yo kuri gahunda yo gufatira ifunguro ku ishuri (School feeding) n'ubutumwa bwa Minisiteri y'Ibidukikije bujyanye no kwizihiza icyumweru cy'ibishanga mu Rwanda.


Abaturage bari benshi mu muganda

Guverineri w'Intara y'Amajyepfo Kayitesi Alice yasabye abaturage kuzirikana ko imbaraga batijwe ngo umuhanda wabo ugendeke neza, badakwiye kuzipfusha ubusa ngo bategereze ko bazajya bafashwa na Leta gusa.

Yagize ati: Abaturage turabashimira ubwitabire bagaragaje, kuko byerekana uruhare rwabo mu kwishakamo ibisubizo, ariko tukanabasaba kwita kuri uyu muhanda kuko nibo bwa mbere ufatiye runini, ni byiza ko bakomeza gukurikirana ntiwongere kwangirika, cyangwa ngo bategereze ko ubuyobozi buzaza kuwubasanira n'ubwo natwe abayobozi bitadukuraho inshingano zo gufatanya nabo".


Abaturage bapimwe ku bushake indwara zitandura


Abaturage bakosorewe imyirondoro


Abafatanyabikorwa batanze imodoka zikora umuhanda


4466 info@muhanga.gov.rw www.muhanga.gov.rw @Muhangadis

## Umuyobozi w'Akarere yatangije ubukangurambaga bwa 'Fresheri ku Ishuri' bugamije kwimakaza isuku mu mashuri



Umuyobozi w'Akarere aganiriza abarezi n'abanyeshuri

Ku itariki ya 12 Mutarama 2026 mu Bigo by'amashuri byose byo mu Karere ka Muhanga hatangijwe ubukangurambaga bw'isuku bufite insanganyamatsiko igira iti: "#FresheriKuIShuri" bwateguwe hagamijwe kwimakaza umuco w'isuku n'isukura mu mashuri.

Ku rwego rw'Akarere; ubu bukangurambaga bwatangirijwe mu Kigo cy'amashuri cya G.S.Vunga mu Murenge wa Shyogwe, aho bifatanyije n'Umuyobozi w'Akarere Madame KAYITARE Jacqueline.

Mu butumwa bwe; yibukije ko isuku n'isukura ari inkingi y'ingenzi mu mibereho myiza y'abanyeshuri no mu ireme ry'uburezi.

Yibukije abanyeshuri ko Isuku y'umubiri, imyambaro isukuye, inkweto zisukuye, inzara ziciye n'isuku yo mu kanwa ari inshingano za buri munyeshuri; ndetse anasaba ababyeyi kujya bategura abana neza mbere yo kubohereza ku ishuri.

Yasabye abarimu, abakozi n'abayobozi mu Bigo by'amashuri kuba icyitegererezo mu isuku, no gutegura gahunda ihoraho y'isuku mu Kigo ndetse no gukurikirana ishyirwamubikorwa ryayo ku buryo buhoraho.



Abanyeshuri ba G.S Vunga



Itorero rya GS Vunga ryasusurikije abashyitsi

# Abasenateri basoje uruzinduko rw'iminsi ibiri bakoreraga mu Karere

Ku itariki ya 23 Mutarama, Senateri DUSINGIZEMUNGU Jean Pierre ari kumwe na Senateri Dr. UWAMARIYA Valentine basoje uruzinduko rw'iminsi ibiri bakoreraga mu Karere. Kuri uwo munsi, bakoranye inama n'Ubuyobozi bw'Akarere, abakozi bashinzwe ubworozi ku rwego rw'Akarere n'Imirenge, Abafashamyumvire, aborozi, abacuruzi b'ibiryo by'amatungo n'inzego z'umutekano.



Abasenateri n'umyobozi w'Akarere

Muri iyi nama, barebeye hamwe uko ubworozi buhagaze mu Karere, ibikorwa mu guteza imbere ubworozi, uko aborozi babona serivisi z'ubuvuzi bw'amatungo, ibiryo by'amatungo bihagije kandi byujuje ubuziranenge, imbogamizi zihari ndetse n'ingamba zo gukomeza guteza imbere ubworozi.



Amwe mu matungo ya IYAMUREMYE Eugene

Mu byifuzo Aborozi bagejeje kuba Senateri harimo gukorerwa ubuvugizi inzego zibishinzwe zikajya zikora ubugenzuzi ku buziranenge bw'ibiribwa by'amatungo, gushyiraho #Nkunganire ku biryo by'amatungo no gushyiraho ibiciro bizwi (regulations) ku musaruro w'ibikomoka ku matungo.

Ku munsi wa mbere w'uruzinduko rwabo mu Karere, abasenateri basuye abaturage mu rwego rwo kureba iterambere ry'ubworozi mu Karere, uburyo aborozi babona ibiryo by'amatungo bihagije n'uruhare bigira mu kongera umusaruro ukomoka ku bworozi.



*Ubworozi bw'inkoko*

Mu Murenge wa Nyamabuye, Abasenateri basuye IYAMUREMYE Eugene ufite ubworozi bw'inkoko 5400 n'ingurube 94, bakaba barashimye isuku basanze mu biraro, ubumenyi agaragaza mu bworozi ndetse n'icyerekezo afite cyo gukora ubworozi bugamije inyungu. Aba basenateri kandi basuye umworozi w'inka n'andi matungo magufi wo mu Murenge wa Mushishiro. Nyuma y'ibiganiro, Abasenateri basuye abaturage bo mu Kagari ka Munazi bagirana ibiganiro byibanze ku ruhare rw'ubworozi mu iterambere n'imibereho myiza y'abaturage, imbogamizi bahura na zo mu bworozi n'ingamba zo kuzikemura.



*Abitabiriye inama*



*Ifoto y'Abasenateri n'abandi bitabiriye inama*



*Abasenateri basuye umworozi mu Murenge wa Nyamabuye*

# Amakipe yageze muri 1/2 mu marushanwa Umurenge Kagame Cup yamenyekanye.



*Abafana baba ari benshi*

Ku itariki ya 23 Mutarama 2026 ni bwo hatangijwe amarushwanwa Umurenge Kagame Cup mu mupira w'amaguru, abahungu n'abakobwa. Imikino yo gushaka amakipe azakina Umukino wa ½ yabaye ku itariki ya 25 Mutarama 2026. Kuri uwo munsi, Ikipe y'abakobwa y'Umurenge wa Shyogwe yageze muri ½ itsinze Ikipe y'Umurenge wa Nyamabuye na ho Ikipe y'abakobwa y'Umurenge wa Nyarusange itsinda Ikipe y'abakobwa y'Umurenge wa Kibangu.


4466 info@muhanga.gov.rw www.muhanga.gov.rw @Muhangadis

Mu bagabo, Ikipe y’Umurenge wa Nyamabuye yatsinze Ikipe y’Umurenge wa Cyeza na ho Ikipe y’Umurenge wa Mushishiro itsinda Ikipe y’Umurenge wa Rugendabali.

Iyi mikino yitabiriwe n’Abagize Komite Nyobozi y’Akarere n’abandi bayobozi mu nzego zitandukanye.

Insanganyamatsiko y’uyu mwaka iravuga ngo: "Twimakaze imiyoborere myiza turushaho kugira umuco wo guhiga no kurushanwa".



*Abayobozi b'Akarere bakurikiranye imikino*



*Ikipe y'Umurenge wa Nyamabuye mu bagabo*



*Ikipe y'abakobwa y'umurenge wa Nyamabuye*



*Ikipe y'Umurenge wa Cyeza mu bagabo*



*Ikipe y'abakobwa y'umurenge wa Shyogwe*



*Mu kibuga ishyaka ni ryose*



4466 info@muhanga.gov.rw www.muhanga.gov.rw @Muhangadis